

Ijambo rya Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame

Mu Gitaramo cyo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga

w'Umugore

Serena Hotel, 8 Werurwe 2016

Ba Nyakubahwa, Bayobozi bo mu nzego Nkuru z'Igihugu cyacu,

Bavandimwe, Banyamuryango ba Unity Club Intwararumuri, Batumirwa, Bashyitsi bahire

Mbanje kubaramutsa, mbifuriza umunsi mwiza!

Munyemerere mbanze mbagezeho indamutso ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, wantumye ngo mbabwire ko ari kumwe namwe kandi ashima ibikorwa mukora.

Uyu munsi tunejejwe no kwifatanya namwe, muri iki gitaramo cyo kwizihiza umunsi mpuzamahanga, ku nshuro ya 41, mu nsanganyamatsiko igira iti: **“Twimakaze Ihame ry'Uburinganire, Turushaho Guteza Imbere Umugore”**.

Distinguished guests,

It is my great pleasure to be with you this evening, as we gather to celebrate International Women's Day, and reflect on our responsibilities, as women leaders and members of civil society at large, to uphold the meaning of this day.

Our nation has, for many years now, been acknowledging the importance of women, and the irreplaceable roles they carry, for the wellbeing of our communities.

Uyu ni umwanya mwiza wo kongera gusuzumira hamwe, nk'abantu bafite inshingano zo kubaka igihugu cyacu ndetse n'abandi bafatanyabikorwa, twibaza ibyo dukora, aho tugeze n'urugendo dusigaje.

Igihugu cyacu gifite gahunda yo kugeza ku baturage iterambere ribabereye, kandi cyubaka ubufatanye mpuzamahanga, bushingira ku gaciro ka buri muntu by'umwihariko umugore.

Duhereye ku mibare Ministre w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yatugejejeho, biratugaragariza ko tugeze ahashimishije kuko tumaze kugira umusingi mwiza mu bikorwa byo kwiyubakira agaciro kacu nk'Abagore. Dufite kandi imbaraga n'icyizere byo gukomeza gutera imbere.

Nkuko byavuzwe, Leta yadushyiriyeho ingamba zose, zidufasha gutera imbere nk'Abagore ndetse no kubahiriza ihame ry'uburinganire ariyo nsanganyamatsiko y'uyu mwaka.

Dufite umubare munini w'abagore bari mu nzego zitandukanye zifata ibyemezo, dufite amategeko na politiki bidufasha kuzamura iterambere ry'abagore ndetse n'amategeko aturengeza.

Nyamara turacyafite bagenzi bacu bakiri inyuma mu iterambere, turacyafite abantu bitinya mu bikorwa ubusanzwe byitirirwa ko ari iby'abagabo, nko mu ikoranabuhanga, nkaba mboneyeho gushimira engineer Christelle Kwizera watinyutse agakora ibyo benshi muri bagenzi badatinyuka nko gushora imali n'ibindi..

Ni ukubera iki tutabyaza umusaruro ufatika ayo mahirwe dufite? Haracyabura iki ngo inzitizi tugifite tuzirandure burundu?

Twari dukwiye kubanza kumenya impamvu twaba tugifite izo nzitizi, ese ni umuco? ni imyumvire?, cyangwa se ni ukutumva vuba impinduka....iryoyi ni umukoro mpaye bagenzi banjye.

Dukwiye kuzirikana ko kugirango tuzagere ku buringanire busesuye, tugomba kwemera guhindura imyumvire yacu, kuva ku bato kugeza ku bakuru. Ntituzitwaze za nshingano umuco waduhaye.

Ntidukwiye kwirara ko dufite ubushake bwa politike, ko twahawe byose, ahubwo dukoreshe uburyo twahawe tuzamura abakiri hasi. Dutoze abakobwa bacu ko bashoboye, tubatoze gutinyuka, maze bazakure bumva ko banganya ubushobozi na basaza babo, bumve ko bakwiga bimwe kandi ko bakora bimwe.

Bajya bavuga ko ufashije umugore aba afashije umuryango muri rusange. Niyo mpamvu, nk'abagize Unity Club Intwararumuri, twiyemeje gukomeza gushyigikira igitekerezo cyiza cy'ishoramari, dufata iya mbere mu gufata imigabane muri kigega cya New Faces New Voices Rwanda Chapter, nk'uko mwabyumvise, kandi tugasaba n'abandi bagenzi bacu kugana iki kigega nka Friends of Unity Club nkuko babitangiye, cyangwa abantu ku giti cyabo. Iyi rero ni intangiriro, tuzabikomeze.

Twishimiye rero, ubufatanye, tuzakomeza kugirana na New Faces New Voices Rwanda Chapter, kugira ngo abanyamuryango ba Unity Club bagire uruhare mu ishoramari ribateza imbere ndetse n'umuryango wacu kuko tugamije kugira ubukungu buhagije, mu myaka iri imbere.

Nk'uko mwabyumvise na none, uyu ni umwaka ukomeye kuri Unity Club, umwaka twizihiza isabukuru y'imyaka 20,

iki kibaba ari kimwe mu bikorwa bizawuranga. Intego yacu, ni ukuba umusemburo w'ubumwe bwo nkingi y'iterambere rirambye n'ubwo atariho tugarukira gusa kuko twatangiye kuba n'umusemburo w'ubukungu. Uyu ni umwanya kuri twe, wo gukomeza kuzirikana ko turi Intwararumuri mu bikorwa by'iterambere mu gihugu cyacu, dufatanyije namwe mwese.

Dukomeze dufatanye maze ibi bikorwa by'ishoramari bigere ku mugore wo hasi, bamenye gukora imishinga ibyara inyungu, uko turi hano twumve ko bitureba. Nta kabuza tubyiyemeje twagera ku iterambere rya buri munyarwanda.

Dukomeze kurwanya ihohoterwa rikiboneka ry'ubwoko ubwo aribwo bwose, ryaba irikorera umwana w'umukobwa cyangwa iryo mu miryango.

Sinshaka guhindura insanganyamatsiko y'uyu muni ariko bitewe n'igihembo twahawe cyo kurwanya ihohoterwa, turacyishimira yego, ariko ntitugarukire aha kuko iryo hohoterwa riracyahari, ntituragera ahashimishije. Abanyamategeko rero ntituzatuma baruhuka ibi bintu bitarangiye, kuko ntabwo bibereye u Rwanda.

Twirinde za kirazira, ahubwo twimakaze indangagaciro zihesha agaciro ubuzima.

Dukomeze dukore tugamije kwivana mu bukene n'imiryango yacu. Tumenye kuzigamira ejo hazaza, kuko ni ko kwigira nyako, ni ko kwihesha agaciro. Twumve ko ishema ryacu, agaciro kacu, ari uko twakomeza gusigasira no guteza imbere ibyagezweho.

Mu gusigasira ibyagezweho kandi, numvaga dukwiye gukomeza gushyira imbaraga mu bakiri bato, abakobwa bacu, urubyiruko rwacu tubafashe gutegura ubuzima bwabo, mu kwigira, kumenya kuzigama no gukoresha neza ibyo bafite. Igihugu cyacu gifite iterambere rikataje, bagomba rero gutozwa uburyo busobanutse bajyana naryo.

Honourable guests,

As I conclude my remarks I would like to reiterate that together we must continue to work towards true gender equality, and put an end to any form of gender discrimination, or other injustices, causing harm to our girls and women, and preventing them to fully thrive.

Duhoze ku mutima ubushake bwo gushyira hamwe, abagore hirya no hino mu gihugu bari mu bikorwa bitandukanye bagifite intege nke bafashwe kuzamuka, bagezweho ubumenyi n'ubundi bushobozi buboneka mu gihugu cyacu.

Basaza bacu turi kumwe uyu munsi,

Twagirango tubizeze ko, iterambere ryacu ariryo terambere ryanyu, Nimuhumure!! Ntidusigana, ntitunasigaana! Turashaka ko dushyira hamwe ingufu zacu n'ubwenge bwacu, dufatanye kwihutisha iterambere ry'imiryango yacu ndetse n'gihugu.

Nagirango nongere nshimire abagore bahembwe uyu munsi, mukomeze mugire intego zihanitse, kandi iyo mishinga yanyu muzayishyire mu bikorwa ndetse ibe migari kurushaho maze muzabisangize n'abandi. Iryo niryo terambere tugamije mu gihugu cyacu.

Mbifuriye gukomeza kuba abagore babereye u Rwanda.

Mukomeze mugire umunsi mwiza, bagore beza!

MURAKOZE